KWICISHABUGUFI

Abantu batemera ko bakoze amakosa ntibaigzigera batera imbere, ariko mu gihe bemeye gukosorwa baba biyongereye amahirwe.

IHAME RY' ICYUMWERU

Kwicisha bugufi ni ikimenyetso cyo gushaka gukura, hamwe no guha agaciro ibyo abandi badufashije gutera imbere mu buzima. Ntabwo akenshi byoroshye guca bugufi ngo wemera ko wakoze ikosa cyangwa ngo wemere ko wibeshye.Twese dukunda guhora turi mu kuri kuko bidutera kumva tumerewe neza kandi tukisanga. Bidutera kwikomeraho cyane. Uko byaba bimeze kose twese tugira amakosa. Ku babaho ni ukwiga binyuze mu kwitoza ni amakosa dukora. Ikibazo si ugukora, ahubwo ni ugukomeza dukora amakosa kandi ntitwemere ko twayakoze.

Ubutabera budusaba kutavuga icyo ari cyose kuko gishobora gukoreshwaho mu rukiko. Ibi kandi bifasha bamwe muri twe kwibwira yuko dushobora guhemukira uwo dushatse kuko apfa kuba nta bimenyetso agufiteho. Nyamara icyaha gihora ku mutima, kabone niyo urikiko rwakira umwere. Icyaha kidutera kwikakanyaza, no kwiyorosa isura itari yo. Tugomba rero kumenya ko natwe dukosa kandi tukibeshya. Mu gihe duhakanye kwemera amakosa yacu bidutera kudatera imbere mu buzima bwacu.

Muri make ntidushobora guhindura cyangwa ngo dukize icyo tutazi. Rero mu gihe dukoze amakosa uburyo bwonyine dushobora guhinduka ni ukwemera rya kosa vuba bidatinze, kwemera inshingano zacu kandi tugakomeza ni akazi. Uwemera ikosa rye aba yicishije bugufi ako kanya. Bisobanuye ko aba yemeye ibyo yakoze. Ikosa rikomeye dushobora gukora ni ukumenya ko twakosheje ariko ntitugire icyo tubikorera. Iyo twemeye ni umutima wose ko twakosheje tuba twifashije hamwe ni abo turi kumwe.

Abantu bamwe bibwira ko guca bugufi ari ugusuzugurika bityo bakirinda kwitara ko. Ikiriho ni uko abantu bishyira hejuru bakunda kwisobanuro mu mafuti bakoze bakoresha ikinyoma, amaherezo ugasanga abantu babana nabo batabashira amakenga. Mu byukuri kwishyira hejuru ni ikibazo gikomeye cyane kigaragaza ubwibone. Akenshi iyo tunaniwe kwicisha bugufi, duhisha kamere yacu twiha akabanga ku nshuti zacu, umuryango, cyangwa se abantu duhuye bwa mbere. Birashoboka ko tuvuga amagambo aryoshye gusa kugira ngo tudabakoma rutenderi. Ese kwicisha bugufi byagiye he? Nibikomeza bitya ntituziga guca bugufi neza bityo usange ntacyo bimariye umuntu ku giti cye hamwe ni abandi tudakiranukaho.

INYUNGU

1. Bidufasha kugira amahoro kuko tuzabaho ntacyo twishisha kuko umutima ntacyo uba udushinja.
2. Icyo gihe bizarema umubano mwiza hagati yacu ni abandi kuko tuba twahinduye indoro, tubabonamo icyiza aho kubabonamo ikibi.
3. Tuzagira amajwi adushyigikiye kubera gukorera mu mucyo muri make ntacyo twishisha.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Kwemera amakosa yacu tutagoranye. Icyo gihe ni tuzajya twemera amafuti yacu tutagoranye ni abandi baza bitwubahira.
2. Irinde ubwibone. Igitera gukorwa ni ipfunwe akenshi ni igihe abandi bavumbuye amafuti yacu maze bakayashyira mu ruhame.
3. Ntuzigera ukingira ikibaba amafuti yawe, impamvu zidafututse cyangwa ngo ubeshye ku byabaye dore ko nawe ushobora kumva ko uri ikinani. Kabone ni ubwo hazavugwa

Inzira ni mikorere bya kubaka umuco wo KWICISHABUGUFI

byinshi kuri wowe ndetse bishobora konona izina ryawe vuba bidatinze , ariko kwicisha bugufi ni umuco uganiriza abakuzi.

4. Ishimire iterambere rya bandi kandi ubakomeze ku murimo mwiza bagezeho. Mu kuri abantu bi ndashyikirwa bahora bakomeza abandi bakiri mu rugendo aho kwishongora ku bandi umutungo bafite ni uko bawugezeho.

Kwicisha bugufi byubaka kamere. Ibi kuri bamwe birasa nko kwivuguruza ariko kwicisha bugufi bisaba ubutwari.

Kwitoza umuco wo kwicisha bugufi ni uguhora tuzirikana ko dufite byinshi byo kwiga, bivuze ko urugendo rukiri rurerure. Iyo tumenye ibice tugomba guhindukamo twunguka amahirwe yo kwiyubaka haba umuntu ku giti cye, umuryango ndetse ni umuryango mugari tubarizwamo .Twirinda gusubiramo amakosa twakoze kenshi ahubwo tukamenya neza abo turi bo. Abaturi iruhande bazifuza gutera ikirenge mu cyacu kuko batwisangaho.

Kwicisha bugufi ni umwe mu butunzi bukomeye buboneka ku muntu. Kubutakaza rero ni igihombo kuri nyirabwo. Ni nk' amavuta y' imashini. Iraramba, ntisakuza, kandi umurimo ukihuta. Ikora neza aho gutanga urusaku rwinshi. Bidufasha kwigaragaza abo turi bo, tutagombye guhishira amafuti yacu. Kwicisha bugufi bifasha nyirabyo kugira ijwi ry' abandi.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese wize iki, umaze kwemera amafuti yo wakoze?
2. Ese wize iki, igihe wicisha bugufi imbere ya bandi?
3. Ese twunguka iki, iyo twitoje kwicisha bugufi?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			